REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2025

10 Gashyantare 2025

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Mutarama 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,4% ugereranyije na Mutarama 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2024 byari byiyongereyeho 6,8%.

Mu kwezi kwa Mutarama 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 18,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 9,5%.

Ugereranyije Mutarama 2025 na Mutarama 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 6,2%.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 0,8% n' ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 3,4%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mutarama 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4,5% ugereranyije na Mutarama 2024. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2024 byari byiyongereyeho 6,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 6,8%, n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,4%.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byagabanutseho 2,9%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 5,3%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 5,7% ugereranyije na Mutarama 2024. Mu kwezi kwa Mutarama 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 6,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama 2025, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 4,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 19,3%.

Ugereranyije Mutarama 2025 n'Ukuboza 2024, ibiciro byagabanutseho 1,6%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2024 kugeza muri Mutarama 2025.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2024** | | | | | | | | | | | | **2025** |
| | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 5,0 | 4,9 | 4,2 | 4,5 | 5,8 | 5,0 | 4,9 | 5,0 | 2,5 | 3,8 | 5,0 | 6,8 | 7,4 |
| Mu byaro | 1,9 | 2,1 | -1,7 | -3,5 | -1,6 | -1,4 | -0,6 | -0,3 | -2,9 | -1,5 | 2,4 | 6,2 | 4,5 |
| Mu Rwanda | 3,1 | 3,2 | 0,6 | -0,5 | 1,3 | 1,1 | 1,5 | 1,7 | -0,8 | 0,5 | 3,4 | 6,4 | 5,7 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | -0,1 | 1,8 | 1,1 | 1,4 | 0,0 | -0,4 | -0,1 | 0,9 | 1,2 | 1,5 | 0,1 | -0,8 | 0,5 |
| Mu byaro | -1,4 | 3,3 | 0,5 | 0,1 | -1,6 | -0,8 | 0,9 | 1,7 | 1,6 | 2,5 | 1,4 | -2,1 | -2,9 |
| Mu Rwanda | -0,9 | 2,7 | 0,7 | 0,6 | -1,0 | -0,6 | 0,5 | 1,4 | 1,5 | 2,1 | 0,9 | -1,6 | -1,6 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw